**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA, PROF. SAM RUGEGE, MU MUHANGO WO GUFUNGURA UMWIHERERO WA KARINDWI W'URWEGO RW'UBUTABERA**

RUBAVU, 22/03/2018

1. Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta akaba n'Umuyobozi wa Justice Sector;

   Ba Nyacyubahiro mwese mwaturutse mu nzego zitandukanye zigize Justice Sector, nshuti za Justice Sector dufatanya, batumirwa muri hano; ndabasuhuje.

2. Nishimiye ko twongeye guhurira hano nk'abayobozi mu nzego zitandukanye zihuriye ku ntego yo guteza imbere ubutabera mu gihugu cyacu. Nkuko bimaze kuba umuco, duhuriye muri uyu mwiherero kugirango twisuzume, turebe ibyagezweho muri uyu mwaka ushize, ibyo twagombaga gukora tutagezeho, ibyo tugomba gukora mu gihe kiri imbere no gufata ingamba zo kuzuza inshingano z'inzego tubarirwamo nkuko tuzihabwa n'itegeko.

3. Insanganyamatsiko y'uyu mwiherero yatoranijwe igira iti: "***URwanda twifuza: Twivugurure, duhangane bikwiye n'ibyaha by'inzanduka bibangamira iterambere ry'Igihugu***". Iyi

nsanganyamatsiko ijyanye n'inshingano inzego z'Ubutabera zifite yo kwimakaza no gushimangira amahame y'Igihugu kigendera ku mategeko no guteza imbere imibereho y'abanyarwanda, imiyoborere myiza n'umuco w'amahoro.

4. Bisanzwe bizwi ko igihugu kirimo ibyaha byinshi kidatera imbere. Nta mushoramari wakwemera kujya mu gihugu atizeye umutekano we ubwe n'umutekano w'imari yashoye, cyangwa se ngo ajye mu gihugu aziko kirimo ruswa. Kurwanya ibyaha cyane cyane ibi bikorwa cyane muri iyi minsi, ni umusanzu ukomeye ku iterambere ry'igihugu. Dushyigikiye kandi umwanzuro wafashwe wo kongera imbaraga mu kugaruza umutungo wa Leta wanyerejwe no kwishyuza abaciwe ihazabu, kugira ngo uwo mutungo ukoreshwe mw'iterambere.

5. URwanda twifuza mu rwego rw'ubutabera ni urumeze rute? Uko mbibona, ubutabera u Rwanda rwifuza ni ububereye mbere na mbere abanyarwanda, buzira ruswa, bwihuse, burenganura uwarenganye, uburenganzira bwa buri wese bukubahirizwa, ibyinshi mu bibazo bigakemurwa mu bwumvikane, kandi bukaba ubutabera igihugu gishingiraho iterambere ryacyo.

6. Kuvuga ku butabera u Rwanda n'abanyarwanda twifuza biroroshye, ariko kubikora no kubigeraho biradusaba gukorana imbaraga, gufatanya hagati yacu nk'inzego zigize Justice Sector tugahanahana amakuru, tukungurana ibitekerezo, byaba na ngombwa tukagirana inama mu bwubahane kandi dusigasira ubwigenge bwa buri rwego. Buri rwego mu zigize Justice Sector, rufite inshingano zarwo zihariye rugomba kuzuza. Ariko ntawushobora kubigeraho, adakoranye n'abandi. Inzego zirakenerana, ziruzuzanya kandi zigomba gukorana ku neza y'Igihugu n'iterambere ryacyo. Ntidushakire ibisobanuro mubyo abandi batakoze cyangwa bakoze nabi, ahubwo turebe uko twarushaho gufatanya kugirango intego twese dufite yo kugeza ubutabera ku baturage, gukumira ibyaha no guca akarengane tubigereho. Tuzirikane ko intego ya Justice sector idashobora kugerwaho mu gihe urwego rumwe muziyigize rutashoboye gukora neza inshingano zarwo. Ariyo mpamvu, gutsindwa k'urwego runaka ni ugutsindwa kwa twese; bityo twese dukwiye guharanira ugutsinda kwa buri rwego ari nako gutsinda kwacu twese.

7. U Rwanda twifuza na none mu rwego rw'ubutabera, ni u Rwanda rudakorerwamo ibyaha (crimes), ni u Rwanda rufite ubutabera butuma utekereza gukora icyaha atinya kugikora, kuko azi ko agikoze byamugiraho ingaruka mbi, ndetse

nubirenzeho akagikora, agafatwa, agahanwa by'intangarugero bikabera n'abandi urugero. Muri iyi minsi, mu Rwanda, kimwe no mu bindi bihugu, hari ibyaha by'inzaduka (*emerging crimes*) bigenda bigaragara kandi bihangayikishije igihugu n'abagituye bitewe n'ingaruka mbi zabyo.

8. Muri ibyo byaha harimo ibyaha bikorwa hifashijwe ikoranabuhanga (*Cybercrimes*), icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'abantu, iyezandonke (*money-laundering*), iterabwoba (terrorism) n'ibindi. Icyo ibi byaha byose bihuriyeho, nuko ababyishoramo bagerageza kubikorana ubuhanga buhanitse n'amayeri kugirango bagere ku mugambi wabo badafashwe ngo bahanwe.

9. Birumvikana rero ko kugirango turwanye ibyo byaha mu buryo burambye kandi bicike burundu, biradusaba byinshi kandi bikanadusaba kubyitondera. Biradusaba gushyira ingufu n'ubuhanga mu kugenza ibyo byaha, bigakumirwa mu gihe bishoboka, byaba byakozwe bigatahurwa hakiri kare, ababikoze nabo bagafatwa, hagashakwa n'ibimenyetso bifatika byo kubashinja, ndetse icyaha cyabahama bagahanwa by'intangarugero.

10. Ibi byaha navuze, ababyishoramo ahanini ni abantu basobanukiwe bitandukanye n’ibyaha bimwe na bimwe dusanzwe tuzi nk’ubujura bworoheje cyangwa buciye icyuho. Kubikumira, no kubitahura bisaba gukoresha uburyo budasanzwe, ariko cyane cyane bisaba ko inzego z’ubugenzacyaha zigira ubumenyi bwihariye ku rwego rwo hejuru (*specialized knowledge & skills*). Birababaje ko umunyabyaha afatwa, akagezwa imbere y’inkiko, akazarekurwa biturutse ku ibura ry’ibimenyetso bifatika ariko mubyukuri icyaha yaragikoze.

11. Dukeneye amikoro ahagije ya investment mu bumenyi n’ikoranabuhanga kugirango turusheho kunoza imikorere mu ishakishwa ry’ibimenyetso n’itangwa ryabyo, hakoreshwa cyane cyane ibishingiye ku bipimo by’abahanga (*scientific evidence*). Iby’amahirwe n’uko hamaze gushyirwaho ikigo kizadufasha muri iyi gahunda, *forensic laboratory*. Ahasigaye ni ugukomeza kongerera ubushobozi (*capacity building*) abafite inshingano zo gukora ibizamini bijyanye n’ibyaha no guhugura abagenzacyaha kugirango ibipimo (samples) bizafatwe neza, abashinjacyaha n’abacamanza nabo bagasobanukirwa ibijyanye n’ibimenyetso bishingiye ku ikoranabuhanga.

12. Umubare w'ibyaha bishingiye ku biyobyabwenge warazamutse mu myaka nk'itatu ishize. Mu nkiko, ibyaha birebana n'ibiyobyabwenge byihariye 40% (imanza 1319) y'ibyaha bigira ingaruka zihariye ku muryango nyarwanda. Turebe uko twashyira imbaraga mu gufata, no guhana abatunda ibiyobyabwenge babizana mu Rwanda, ababikoresha n'abandi baba mu bucuruzi bwabyo. Ni ngombwa ko mu ikurikiranwa ry'abakora icyaha cyo gukoresha ibiyobyabwenge hibandwa cyane mu gutahura no gusenya "netwok" y'ababicuruza. Nta musaruro bitanga iyo duhana abakoresha ibiyobyabwenge (kandi niko biri) na ba "small dealers" mu gihe tudashoboye gutahura no guhana ababicuruza (cyane ababirangura) kuko abo aribo sooko y'ikibazo.

13. Uruhare rwacu mu kurwanya ibyaha nka Justice Sector turaruzi, ariko n'uruhare rw'abaturage rurakenewe. Icya mbere nuko hari abishora muri ibyo byaha batazi ingaruka zabyo, bakaba ibikoresho by'abandi. Ntanze urugero rw'icyaha cyo gucuruza abantu, usanga abacuruzwa babeshywa ko bagiye gushakirwa akazi n'indi mibereho myiza bazasanga aho boherejwe. Dukomeze gusobanurira abanyarwanda ku nzego zitandukanye, imikorere y'ibyo byaha n'ububi bwabyo, bishobotse abo byagizeho ingaruka batange ubuhamya ku

mugaragaro, ndetse na gahunda yo kuburanishiriza aho icyaha cyakorewe ikoreshwe muri bene izo manza.

14. Sinarangiza iri jambo ntagize icyo mvuga ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rya IECMS muri Justice Sector. Ibyiza byaryo nko kwihutisha akazi no korohereza abakenera service zitangwa birazwi. Nyamara haracyari ikibazo cy'amikoro adahagije bituma bigenda gahoro, bikadindiza services. Hari n'inzego zitarashobora kuyikoresha. Igiciro (cost) cyo gukoresha IECMS nacyo kigomba kugenzurwa, kugirango bitazaba umuzigo ku baturage batabasha kwishyura ikiguzi gisabwa n'ababafasha mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, baca amafaranga menshi.

15. Uyu mwiherero ukozwe mu gihe gikwiye (*right moment*) kuko uje ukurikira uwahuje abayobozi wabereye I Gabiro. Abo twari kumwe mwumvize ibyo twasabwe mu cyerecyezo rusange cy'iterambere ry'Igihugu cyacu. Uyu mwiherero ni umwanya mwiza wo kunoza ingamba yuko tuzabigeraho nka Justice Sector, tuzirikana impanuro twahawe zidufasha kuba abayobozi bashyira imbere inyungu zabo dukorera.

16. Nsoza, mbifurije umwiherero mwiza no kugubwa neza. Muri uyu mwanya kandi, mboneyeho gutangaza ku mugaragaro

ko mfunguye umwiherero wa karindwi w’urwego rw’Ubutabera.

Murakoze